URWEGO RW' IGIHUGU RW' UBUGENZACYAHA

IBIRO BY' UMUYOBOZI MUKURU USHINZWE ABAKOZI N' IMARI

ITANGAZO RIGENEWE ABANTU BASABYE AKAZI

1. Hashingiwe ku itangazo ry' akazi ryatanzwe taliki ya 22 Ukwakira 2021, Urwego rw' Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB) ruramenyesha abantu basabye akazi ko bakwihutira kureba ku rubuga (Website) rwa RIB (www.rib.gov.rw) no ku rw' igihe.com (www.igihe.com) urutonde rw' abujuje ibisabwa bemerewe kuzakora ikizamini cy' akazi. Abatujuje ibyasabwaga nabo bagaragara kuri izo mbuga zombi.

2. Turamenyesha abatanyuzwe n' icyiciro bisanzemo ko bafite iminsi itatu yo kujurira uhereye ku italiki itangazo rishyiriweho umukono. Ubujurire bukazajya bunyuzwa kuri email yari yanyujijweho itangazo ry' akazi ariyo: recruitmentoffice@rib.gov.rw . Abifuza ibindi bisobanuro bashobora no guhamagara ku mirongo ya telephone **0781220150** cyangwa **0781220128** .

3. Turamenyesha **abatanze impapuro z' ishuri (To Whom It May Concern) zitagaragaza ko bokoze graduation cyangwa abatanze izitagaragaza igihe bayikoreye; abataratanze fotokopi y'indangamuntu igaragaza imyaka yabo y' amavuko; abatanze impamyabumenyi zidahuye n' izasabwaga ku mwanya w' akazi basabye; abatanze ibyangombwa by' uko batakatiwe n' inkiko byataye agaciro cyangwa abataragaragaje ubutumwa bugufi (SMS) bahawe n'Irembo ko dosiye zabo zakiriwe; kimwe n' abatujuje ibindi byasabwaga mu itangazo**, ko bafatwa nk' abatujuje ibisabwa.

4. Turabamenyesha ko abujuje ibisabwa bose bazamenyesheshwa italiki yo kuzakoreraho ibizamini nyuma yo kwakira no gusuzuma ubujurire.

Bikorewe i Kigali, kuwa 23 Ugushyingo, 2021

Digitally signed by RIB(DG)
Date: 2021.11.23 15:15:34 +02'00'

Theoneste SEZIRAHIGA
Umuyobozi Mukuru ushinzwe Abakozi n'Imari